REPUBULIKA Y'U RWANDA

URUKIKO RW'IBANZE RWA

GASABO

Email: tbgasabo@gmail.com

IMENYESHA RY'ICA RY'URUBANZA RC 00127/2021/TB/GAS MU BURYO BW'IMENYESHARUHAME

Umwaka w'Ibihumbi bibiri na makumyabiri na gatatu, umunsi wa makumyabiri na gatanu w' ukwezi kwa mbere

Njyewe RUTABAYIRO Samuel Umwanditsi w'urukiko rw'Ibanze rwa Gasabo ndi ku rukiko aho rukorera mu kagari ka Kibagabaga mu murenge wa Kimironko Akarere ka Gasabo mu mujyi wa Kigali.

Nshingiye ku ngingo ya 148 (3), 46 z'itegeko N0 22/2018 ryo ku wa 29/04/2018 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi;

Menyesheje: **Nisingizwe Marie solange** mwene KAMANZI Emmanuel na mukamutesi verene wavutse 1987, utuye mu mudugudu wa Cyeru, akagari ka Rusheshe, umurenge wa Masaka,akarere ka Kicukiro,umujyi wa Kigali.

Ubu akaba yarimutse aho yari atuye bigatuma aho abarizwa hatazwi nk'uko byemejwe na huissier Me Mugabe Emmanuel 04/01/2022.

Mumenyesheje mu buryo bw'Imenyesharuhame Imikirize y'urubanza rw'ubutane **00127/2021/TB/GAS** Yarezwemo ku wa 25/11/2021 na **BUNGURUBWENGE JEAN**

BAPTISTE, mwene MUNYANDAMUTSA Thacien na MUKARUGWIZA Constance,wavutse 1986,utuye mudugudu wa Cyeru, akagari ka rusheshe, umurenge wa masaka,akarere ka kicukiro,umujyi wa Kigali. Urubanza rukaba rwaraburanishijwe n'Urukiko rw'Ibanze rwa Gasabo ku wa 14/11/2022 **Nisingizwe marie Louise** adahari;

rucibwa kuwa 14/11/2022 ku buryo bukurikira:

Rwemeje kwakira ikirego rwashyikirijwe na BUNGURUBWENGE Jean Baptiste rugisuzumye rusanga gifite ishingiro; Rwemeje ko ubutane butanzwe hagati ya BUNGURUBWENGE Jean Baptiste.na NISINGINZWE Marie Solange bari barashyingiranwe mu buryo bwemewe n'amategeko ku wa 20/09/2012, kandi ubutane butanzwe ku makossa ya NISINGIZWE Marie Solange yo guta urugo Rutegetse ko amasezerano yo gushyingirwa bari baragiranye ku wa 20/09/2012, avanyweho n'Urukiko. Rutegetse ko iki cyemezo cyandukurwa mu bitabo by'irangamimerere byo mu murenge w'aho basezeraniye. Rutegetse ko abana UMUTONIWASE Belise wavutse 20/07/2009 na IRASUBIZA Bertin Shalom wavutse 25/10/2011 bakomeza kurerwa na se BUNGURUBWENGE Jean Baptiste Rutegetse ko NISINGIZWE Marie solange afite uburenganzira bwo gusura no gusurwa n'abana. Rutegetse ko amagarama yatanzwe ahwanye n'ibyakozwe muri uru rubanza.

UMENYESHEJWE: **Nisingizwe marie louise**

UMUMENYESHEJE

(Izina, Umurimo akora,umukono na kashe)

UMWANDITSI W'URUKIKO

RUTABAYIRO Samuel